Ibintu bifite ubuzima



Umwanditsi: Mukanyandwi Béatrice
Uwashushanyije: Sengabo Callixte

Ibintu bifite ubuzima



Umwanditsi:
Mukanyandwi Béatrice

SOMA

Uwashushanyije:
Sengabo Callixte

Espace Littéraire Soma Ltd
B.P. 1483Kigali
Tel. : 0781268607
E-mail:Somaneza2015@gmail.com

© Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo: kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro, kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro, kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga (iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyazamo amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira mu nyandiko n'abagitangaje.



Matsiko na Uwera baraturanye. Mu gitondo, Uwera anyura iwabo wa Matsiko maze bakajyana ku ishuri basubira mu byo bize.



Umunsi umwe, umwarimu wabo yari yabigishije ko ibintu bifiteubuzima ari ibihumeka. Nuko bagenda bitegereza ibintu bikikije aho banyura.



Matsiko abwira Uwera, ati: “Ibi bitaka n’aya mabuye nta buzima bifite, kuko ntibihumeka.”



Uwera na we ati: “Biriya biti n’ibyatsi bifite ubuzima, kuko birahumeka kandi bigakenera ibibitunga.”



Abo bana bigiye imbere barahagarara. Matsiko ati: “Utu dukoko dukura ibidutunga kuri izi ndabo.” Uwera araseka, ati: “Izi ndabo na zo zikura ibizitunga mu gitaka.”



Uwera na Matsiko barakomeza. Inzira barimo yari hafi y'umugezi. Matsiko abwira Uwera ati: "Amazi ntafite ubuzima kuko adahumeka. Uwera ati: "Ni byo."



Uwera na Matsiko bigiye imbere babona inuma iryamye hasi. Bayegereye, babona ntibasha kuva aho iri. Uwera abaza Matsiko ati: “Iyi numa turayigaburira iki?”



Matsiko abwira Uwera ati:”Reka tuyihe amasaka.” Bayiha amasaka ntiyayarya.
Uwera ati: “Reka tuyihe amazi.”
Bayiha amazi, inuma ntiyayanywa.



Matsiko ati: “Reka tuge kubaza umwarimu impamvu iyi numa yanze amazi, ikanga amasaka.”



Bageze mu ishuri umwarimu afata ya numa mu ntoki, arayihindukiza, ati:“Yooo! Iyi numa yapfuye. Ntihumeka, ni yo mpamvu itarya, ntinanywe.” Matsiko ati: “Ni byo koko! Ikintu gifite ubuzima kigomba kuba gihumeka, kirya kandi kinywa.”

Ibintu bifite ubuzima



Iki ni kimwe mu bitabo byanditswe na “Espace Littéraire Soma Ltd”. Ibyo bitabo bikubiyemo inkuru zifasha abana kwimenyereza gusoma neza Ikinyarwanda.

Iki gitabo kigenewe abana bo mu mashuri y’inshuke.